

**Gukura cyangwa Gupfa – Amahugurwa igice 2008**

Na Larry Chkoreff

**ISOB – Gukura cyangwa Gupfa – Amahugurwa igice**

**Verisiyo 7.3. Gicurasi 2008**

Verisiyo y'umwimerere 5.6 Kanama, 1999 icyongereza

Gisemuwe mu

Igiswahili

Igifaransa

Igisipanyoro

Igishinwa

Ikirusiya

Gukura cyangwa gupfa gisohorwa kandi ni inyigisho z'umwimerere z'ishuri mpuzamahanga za Bibiliya

Imeli : [growordie@isob-bible.org](mailto:growordie@isob-bible.org) –[www.isob-bible.org](http://www.isob-bible.org)

ISBN #0-9676731-3-5

978-0-9676731-3-4

Copyright ©1999 na Larry Chkoreff

Gisohorwa n'Ishuri Mpuzamahanga rya Bibiliya, Marietta,

Georgia, USA

Uburenganzira bwihariwe n'umwanditsi w'ikigitabo, gishobora gusohorwamo ibindi no gutemberezwa ku buntu nta bwishyu, ntigishobora guhindurwa nta burenganzira n'ubwumvikane bw'umwanditsi, ntigishobora guhindurwa cyangwa kongerwamo ibindi. Ntigishobora gukoreshwa ntaburenganzira bw'umwanditsi, mu kugicuruza cyangwa ibindi bibyara inyungu. Uretse aho byanditswe ukundi, ibyanditwe byose byakuwe muri Bibiliya NKJV

Copyright 1979, 1980, 1982 na Thomas Nelson wagisohoye


Gikoreshwa hari uburenganzira

## ISHAKIRO

GUKURA CYANGWA GUPFA .....	4
Iriburiro: .....	8
Igice cya 1 : Imbuto.....	17
Igice 2 : Uruzi rutemba.....	35
Igice cya 3 : Imbohe mu gihugu cy`Isezerano .....	72
Igice cya 4: Imana Ni Inde?.....	95
Igice cya 5 : Kwicara .....	106
Igice cya 6: Kugenda .....	117
Igice cya 7: Kwema.....	128
Igice cya 8 : Gutsinda amarushanwa .....	148
Igice cya 9 : Umusaraba .....	151
Igice cya 10 : Kubohoka .....	163
Igice cya 11: Kubatizwa mu Mwuka Wera.....	170

Imbonerahamwe yo Gukura cyangwa Gupfa

Inzira yo gukura...



... Cyangwa Gupfa

## **GUKURA CYANGWA GUPFA**

### **Musomyi wacu,**

Nyuma yo gukurikira ngamije kumukunda guhera mu 1979 yampaye inshingano yo kwandika igitabo ku buryo nakurikije icyo gihe. Igihe nta buryo bworoshye bwo kwera imbuto cyangwa se gukuza umubano wanyu na Yesu kandi hari byinshi mumenyereye mwe ubwanyu, hari amahame nize yatwaye imyaka y'umubabaro no gucika integer mu bugingo bwanyu. Iki gitabo kiri mu nyandiko ngufi yo “gukura cyangwa gupfa” yiswe igitabo cy'amahugurwa, birebana n'amahugurwa y'ibice bibiri: amahugurwa ya mbere ( Igice cya mbere) agizwe n'inyigisho zirindwi z'ingenzi, amahugurwa ya kabiri akubiyemo inyigisho enye, izi nyigisho cumi n'imwe (11) zikurwa mu nyigisho yo “Gukura no gupfa” igizwe n'ibyigisho 100. Inyigisho go gukura no gupfa iboneka ku muntu wese cyangwa se ku itsinda ry'abigishwa.

Ibihugu byinshi byashyizeye gahunda yo mu mashuri manini ya ISOB. Andi matsinda yifashisha inyigisho z'itsinda uko bahuye. Abantu baryigisha mu buryo bwinshi, abandi babonye Imana itangira umurimo nk'igisubizo cy'abayobozi bubatswe kandi bakemera binyuze muri iki gitabo. Gukura cyangwa gupfa byerekanwa ku buryo bumenyereye nk'amahugurwa y'abakozi bavuga ubutumwa bwiza mu bihugu byinshi. Amahugurwa amara amasaha ane kugera kuri cumi n'ane. Na none izi nyigisho ziboneka kuri CD ROM ya Windows no kuri Apple Computers. Ikigeretse ku

gukura cyangwa gupfa, nuko ISOB ifite ibitabo, za VIDEO n'ama CD ...

Tubifurije umugisha mu kugana Yesu!

Larry Chkoreff

President

Ishuri mpuzamahanga rya Bibiliya 1999- 2008

Iki gitabo ngituye inshuti zanjye ebyiri z'amagara, Yesu n'umufasha (umugore) wanjye nubaha kandi ukiranuka Carol wantesye umwete wo kwandika izi nyigisho nyuma zigahurizwa hamwe mu gitabo kimwe.

Na none ndashimira abakorana na ISOB bo mu bihugu bitandukanye, guhera mu 1980, bize izi nyigisho bakanantera umwete.

***Ijambo ribanza ( na Dove Moore)***

*Mu myaka (52:12)*

*Umupaka? Nta mupaka tugira. Skotiland, Irilande, Uburusiya, Ubuhinde, Koreya, Filipine, Gurunulandi, Amerika y'epfo, n'ahandi henshi hakoresha Internet na Jesus. Duha amamiliyoni menshi y'abatuye isi nk'uko bakorera Imana mu gukwirakwiza ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ku mpera z'isi. Mfite umunezero wo kwakira Email ziva mu Matorero no mu bakozi b'Imana bo mu isi yose. Buri munsu birasobanutse neza cyane rwose kuri njye, ko umuhamagaro w'Imana kuri twe ari uguhindura*

*abantu abagishwa. Ikibazo rusange ni iki, inshuro imwe baba bakijijwe kandi bagahabwa ubutumwa bwiza ubu? Gukurikiza urugero Yesu yadusigiye, tugomba guhindura abantu abigishwa kandi tukagirira icyizere ku bwabo! Tugomba kubafata bakava mu myifatire barimo no kubafasha guhinduka ishusho ya Kristo, ababaturwa, abiringirwa bagirirwa icyizere, mu gihe gikwiye bazashobora kubisubiriramo abandi.*

*Nkuko twigira imbere togomba gufasha abigishwa kwitanga imbere y’Imana. “Uyu ni umubano w’ingirakamaro” Byongeye tukabafasha kuva mu mwifatire ya mbere, ahubwo bakitwara nk’abigishwa. Nyuma yo kwigisha “Gukura cyangwa Gupfa” muri Afurika Abapasitori bari baturutse mu bihugu umunani nziko iki gitabo kirimo inyigisho ifasha benshi ijambo ry’ukuri ry’Imana. Rikurikiza itegeko n’urugero Yesu yadusigiye. Nuko mugende muhindure abantu bose bo mu mahanga yose abigishwa mu babatiza mu Izina rya Data wa twese, n’Umwana n’Umwuka wera (Matayo 28:19) uko ni ugutegura umugeni wa Kristo ubwo azaba agarutse! Ni iki cyaruta kuyobora umuntu kuri Kristo? Igihe ubona umuntu akora, ari umwigishwa mwiza kandi afite umufasha akamuyobora kuri Kristo...n’abandi n’abandi! Kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umurimo wa Kristo (Abefeso 4: 52)*

*Dave Moore –Watangije*

*In Jesus Global (Missions)*

**Iri sengesho rigenewe umuntu wese usoma iki gitabo**

**Umusaraba:** urakoze Mwami, Yesu Kristo kuba waragiye ikuzimu kuza mu bapfuye ndetse tukazuranwa nawe, none tukaba twicaye nawe mu cyicaro cy'ijuru muri Kristo.

**Ikuzimu:** Urakoze Mwami Yesu ko wagiye ikizimu, ukatubabarizwa murupfu

**Kuzuka:** Urakozemwami Yesu, kuko wazutse mu bapfuye, tukazukana nawetukazabana mu Ijuru na Yesu.

**Kuzuzwa (gusendezwa):** Urakoze, Mwami Yesu Kristo kutwuzuzwa umwuka wera

**Uguhanga yika:** Urakoze, Mwami Yesu Kristo kubwo kutugirira icyizere tukabona abavandimwe binyuze mu mibabaro yawe

**Ukunesha:** Urakoze Mwami Yesu Kristo ko mu mbaraga zo kuzuka kwawe ko twasezeranijwe ubu bugingo bw'Iteka ryose.

**Iriburiro:****Waba warabayeho wumva nta ntego kandi nta byiringiro?**

Wigeze wumva nkaho uzenguruka nk'imbeba iri mu mutego? Wafashe akanya ko kwibaza ukamenya niba Imana ishaka kugufasha muri ubwo buzima? Ndetse rimwe na rimwe ukumva ko Imana yagutereranye ugashaka uko wakwikura muri ibyo bibazorwose. Rwose rwana intambara nziza, abizera Yesu Kristo bagerwaho kenshi n'iyi mibereho.

Gusa isntego yacu ni ukureka ubuzima bwacu bukadukorera twe ubwacu! Ibi bayerekana umubyeyi urera abana be batinya Imana, akabagaburira, akabitaho, akanamuhesha umutekano wo mu mutima, ndetse bagahorana n'ubwumvikane. Ku mugabo bisobanura gukora iyo bwabaga ngo ahore anezeza urugo rwe ashimwa. Ku musore ni ukugira umwanya mu buzima, umurimo, uwo bashakanye. Ibyo rero iyo bigenze neza twumva tubohotse nta yindi ntego, nyamara bitakemuka tukumva ducitse intege ndetse tubuze n'ibyiringiro.

**Igisubizo ni ikihe?**

Niba turi mu Bagaratiya 2:20 havuga: Nabambanwe na Kristo ariko ndiho, nyamara sinjye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri njye, Ibyo nkora byose nkiri mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana



wankunze akanyitangira. nizera ko ibyinshi ari umugambi w’Imana kuri muri twe muri ubu buzima. Nemezwa cyane n’umugambi urenze ukubiyemo byose, intego y’ibanze, izana umugeni ku mwana we ariwe Yesu Kristo. Imana ishaka ko witwa ku byifuzo byawe, ariko tukifuzaga gucengera no kwita ku gushaka kw’Imana. Ifite uburyo buboneye, buyemerera kuzuzanya ibyo, kandi bubereye umugeni we. Igitabo cy’Abefeso kiduha amabwiriza amwe n’amwe. Abefeso 5:32 havugaga ibyerekeranye na Kristo udasanze n’Itorerero bagereranwaga n’umukwe n’umugeni . abefeso 5:32 hatubwirira ngo: “Ibyo ni ubwiru bukomeye cyane, ariko ibyo mvugaga byerekeye kuri Kristo n’Itorerero”

Ubukwe bw’Umwana w’Intama n’umugeni we buboneka mu mpera z’igitabo cy’Ibyahishuwe Yohana. Ibyahishuwe 19:7 havugaga, “Tunze twishime, tuyihimbaze, kuko ubukwe bw’Umwana w’Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye.” Ibyo ntibivugaga ko twese tugomba kujya ahantu hatanzwe nyuma twatungirira kubwiriza nk’ababwirizabuhamya. Oya, Imana yatanzwe impano ku buryo budasanzwe; umurimo( ugenewe kohereza umushingirwa imuhira) abafite icyakagenewe cy’umwihariko, ni gusa mushobora kucyikorera, muri ingirakamaro nk’undi mukristo wese.

Mutekereze ibi: niba hari umuntu ugereranwaga kuba ku ruhande rw’ushingirwa kandi akaba adahari, ubwo rero

ushyingirwa ntashyitse. Nyuma y'igihe kirerekire ushyingirwa akeneye gukura mu bitekerezo, na none umurimo wacu ntiwuzuye. Imana ishobora kuguhamagarira gusenga cyangwa se gukunda mugenzi wawe, kujya ahantu hakure. Ishobora no kuguhamagarira kurera abana bawe bikurikijwe ijwi ry'Imana, gukunda umugabo wawe cyangwa umugore wawe, isho bora kuguhamagarira kunesha imibabaro yo mu buzima bwawe, yo yonyine izi icyo igufitiye, irakwiringiye mu gihe wemera ko intego ye iba iyawe, ibyo bizatanga umusanzu wo kubaka umugeni ariwe Torero.

Tugomba kwireba nk'imbuto zo mu musenyi wo ku nkombe y'inyanja, ntitugomba kwigaya mu buryo ubwo ari bwo bwose, tudahari inkombe ntiba yuzuye. Imana ikeneye ko dukora uruhare rwacu. Isezerano rya kera rituzanira gutekereza ku mutima w'Imana n'uko yumva iki kintu cyuzuye. Eva yavuye mu rubavu rwa Adamu itorerer ryaturutse mu rubavu rwa Kristo igihe yari ku musaraba, reba mu Itangiriro igice cya 24. Aburahamu ashushanwa n'umwuka wera wakumanuyemo no muri njye. Kujya gushaka umugeni, umuhunge we Isaka (ushushanywa na Yesu).

Mu Itangiriro 24:4-9 havuga ngo: “Ahubwo uzajye mu gihugu cyacu kuri bene wacu, usabireyo umwana wanjye Isaka umugeni” uwo mugaragu aramusubiza ati “Ahari umukobwa ntazemera ko tuzana muri iki gihugu, byaba bityo naba ngomba gusubiza umwana wawe mu gihugu wavukiyemo?” Aburahamu aramusubiza ati “Wirinde

gusubizayo umwana wanjye Uwiteka Imana nyir'ijuru, yankuye mu mu nzu ya Data no mu gihugu navukiyemo, ikambwira indahiro itI “Urubyaro rwawe nzaruha iki gihugu iyo niyo izatuma malayika wayo akajya imbere, nawe uzasabireyo umwana wanjye umugeni kandi umukobwa naramuka yanze ntuzafatwa n’iyi ndahiro undahiriye.” Cyakora ntuzasubizeyo umwana wanjye ahubwo uwo umugaragu ishyiraho ukuboko muni y’ikibero cya Aburahamu shebuja, arabimurahira.

Musome igice cyose cya 24, Umugaragu abona Rebeka wahiriraga ingamiya kandi aha icyo gisonga amazi. Ibi byabaye ubwo yari arangije kuvuga, imirongo 24:15. Yasabye Imana ikimenyetso ubwo amagambo yasohotse mu kanwa ke, Rebeka araboneka kandi arabisohoza. Itangiriro 24:64-67 havuga ngo “Rebeka yubura amaso, abonye Isaka avuye ku ngamiya. Abaza wa mugaragu ati: Uriya mugabo ni inde ugenda ku gasozi, tugiye guhura ? uwo mugaragu aramusubiza ati: ni Databuja. Rebeka yenda umwenda we yitwikira mu maso. Uwo mugaragu atekerereza Isaka ibyo yakoze byose Isaka azana Rebeka mu ihema rya nyina Sara, aramurongora aba umugore we, aramukundwakaza. Isaka ishira umubabaro wa nyina yapfushije, mbega uburyo butangage bwo gutekereza umutima w’Imana itagaragara. Umubyeyi fafashe icyemezo cyo kubonera umuhungu we umugore. Ariko wakwibaza iki kibazo. Ni gute ni gite Imana yakugira uwo kwiringirwa? Wo gukora umurimo wayo wo kuzana umugeni mu rugo rwayo? Nejejwe nuko mwarangije kubyibaza. Ibi nibyo

bikubiye muri iki gitabo. Turifuza gusobanukirwa umugaragu woherejwe na se gushaka umugeni. Abirahamu abwira umugaragu we, umukuru wo mu rugo rwe wategekaga ibye byose ati “Ndakwinginze shyira ukuboko kwawe muni y’ikibero cyanjye” (Itangiriro 24:2).

Icyo ugomba kumenya, ni uko umubyeyi atatumye umugaragu ubonetse wese, yatumye umutegeka w’ibintu byose. Tugire inyigisho tumukuraho. Matayo 24:42-51 haraduha uburyo twagenderaho.

Icyambere, umugaragu yari yiteguye kuzasubiza uwamutumye ubwo azaba agarutse. Ibi bisobanura ko twitegura kugaruka kwa Yesu hano ku isi umunsi umwe, ahubwo ubu tumwitegere kuko aje, kugenzura ibyo yadushinze. Uyu mugaragu yari umwiringirwa, kuba inyangamugayo muri make ni iby’igiciro ku Mana. Imana inezezwa n’uburyo dukoresha neza ibyo yaduhaye mu buzima bwacu. Imana ntiyaduha byinshi niba tugeze aho inkundamugayo no mu bike yaduhaye. Dukurikiye rero kuba abizerwa mu bikorwa no mu buryo bwo mu mwuka,

Umugaragu yagiraga ubuntu yitaga ku bandi Matayo 24:46, havuga ngo: Uwo mugaragu, arahirwa shebuja naza agasanga abikora. Umugaragu ntiyagiriraga nabi abandi, umugaragu ntiyiyerekanaga nk’inkundamugayo, umugaragu yari umunyabwenge. Ibi ntibishatse gusobanura ubwenge bw’isi ahubwo ni ubwenge bwo

mu Mana, Abakorinto 2:6-8 haratubwira: icyakora ubwenge tubuvuga mubutunganirijwe rwose, ariko ubwo bwenge si ubw'iki gihe, ahubwo tuvuga ubw'ubwiru bw'Imana aribwo bwenge bwahishwe, Imana yaringaniye ibi byose bitarabaho ngo buduheshe icyubahiro. Mu batware b'iki gihe ntawe wabumenye ntibaba barabambye Umwami w'icyubahiro.

**Abakorinto 1:23-24, hatubwira ko Kristo wabambwe ari ubwenge.**

Ntekereza ko ubwenge nyakuri buva ku Mana, bwagenewe abavuye mu mugabane w'abarimbuka bugenewe babandi babuze: ibyiringiro, inzosi, abo mu muryango, imirimo, gukurikiranwa n'urutonde rukomeza. Ni ubwa babandi biyanze kubwo gushaka Yesu nk'Umukiza wabo. Ubwenge butubwira ko umusaraba waduhesheje intangiriro, nta gucirwaho iteka kugihari.

(Abaroma 8:1-2), Yobu 28 hatubwira gushaka ubwenge, atubwira ko butaboneka ku isi y'abantu, gusa uwapfuye niwe wabumwenye. Umuvtunzi muri Matayo 19 yari afite byinshi yari yerekeje umutima we. Nyamara iyo uhanyaga ko imirimo yo mu isi n'imihate yawe bidashobora kukuzanira ibyiringiro, icyo gihe uba uri umwe mubashobora kubona ubwo bwenge.

Ubuzima buragoye, ariko na none abantu neza iyo bagemiye kuri Yesu Kristo by'ukuri. Abantu, imiryango y'ivugabutumwa, inshuti ndetse n'amatorero bishobora

kuduca intege, ariko Yesu we ntajya aduca intege nabusa, Abaheburayo 2:8.b – 9a havuga ngo, Nyamara kugeza ubu ntiturabona ibintu byose bitwarwa nawe, ahubwo tubona Yesu wacishijwe bugufi akaba hasi y’abamalayika ho hato , tubona ko ariwe wambitswe ubwiza n’icyubahiro nk’ikamba, kubwo umubabaro n’urupfu yapfuye kugira ngo kubw’ubuntu bw’Imana asogongerere abantu bose urupfu. Iyo twibutse ineza Yesu yatugiriye n’iyo ariyo, bidutera kumukunda. Iyo rero tumukunze tukaba mu ntego ze, ibyo biramunezeza.

Ikintu kinejeje ni uko dutera intambwe, tugahanga amaso yacu kuri Yesu, tugakora ibye, tugakora ibimuhamy. Mu gihe amaso tuyerekeje kuri Yesu, bikomeza kutubera inyungu, ntitugomba gukomeza kwita ku mihindagurikire y’imyitwarire yacu, n’uko twavuga ibyifuzo byacu ngo tubohoke, cyangwa ku murimo w’Imana bwatuzaniwe, tugomba kumuhozaho umutima kandi tukaba umwe nawe tukagiarana ubumwe . nababwira ibyambayeho, biganisha ku bihe bikomeye byo kubabarirana ndetse by’umunezero. **Ubu dukeneye kwiga uko shebuja yita ku mugaragu we, uko twafata Imana kugira ngo itwiteho**

Twakura inyigisho uburyo yita ku mugaragu nuko natwe twategereza Imana ngo twitabweho. Mbona data asaba uyu mukozi kwera imbuto mu buryo butatu.

1. **Imbuto z’umwuka:** Uyu mugaragu akuza imyitwarire yo mu Mana

2. **Imbuto zituma abona icyo akeneye cyose:** Murebe neza mu Itangiriro<sup>24</sup>: 10 ko shebuja yahaye umugaragu ibyo yari akeneye byose mu rugendo bitari ingamiya icumi gusa, ahubwo ibyo yari akeneye byose.
3. **Imbuto zo mu murima w’Imana:** Uyu mugaragu yanejeje shebuja, n’umugaragu ihihe yari azanye umugeni.

Hano ni ukuntu Imana ihabwa icyubahiro no ku gihe gisa ni icyo ibyifuzo byacu bikitabwaho bigasubizwa. “Ibyo nibyo byubahisha Data, nuko mwera imbuto nyinshi, mukaba abigishwa banjye.” (Yohani 15:8), Imana ihabwa icyubahiri iyo mwera imbuto kuko ni imbaraga zayo n’ijambo ryayo bitumye mwera izi mbuto. Imbuto ni uburyo bw’umwimerere Imana yatekereje kugira ngo yite ku bantu bayo, imbuto zo mu buzima bwacu zituzanira gusa yakora, bitare ibyo twakora ngo idufashe! Turashaka kubereka ingingo z’ingenzi muzibandaho ubwo muzaba mukoresha iki gitabo. Umugani w’umubibyi ni mugitabo cya Mariko ibice 4:11, arabasubiza ati “Mwebwe mwahawe kumenya ubwiru bw’Imana, ariko abo hanze babyumvira mu migani” menya ko Atari ubwiru buhishwe ahubwo ari ubwiru buzwi. Ubwiru ni ijambo ry’Imana ryashyizwe mu mitima y’abantu kugira ngo yere imbuto kugira ngo biheshe Imana icyubahiro, bifasha imyitwarire yacu, ikintu cyose dukeneye mu buzima bwose.

Iki gitabo ni inzira y'amahugurwa y'abigishw, ikozwe ku buryo bwo kwera imbuto mu buzima bwacu mu birebana n'ubwami bw'Imana muri ziriya nzira eshatu zavuzwe. Imana ibahe umugisha!

## **IGICE CYA MBERE AMAHUGURWA YA 1**

### **IGICE CYA 1-7**

- 1. Imbuto**
- 2. Umugezi utemba**
- 3. Imbohe mu gihugu cy'isezerano**
- 4. Imana icyo aricyo**
- 5. Kwicara**
- 6. Kugenda**
- 7. Guhaguruka ukema**



## **Igice cya 1 : Imbuto**

### **Waba warigeze wibaza iki kibazo?**

Ni gute Imana ishaka ko nanesha muri iyi si? Ni gute nabaho ? kuki ntagera ku ntsinzi ishimishije? Numvise bavuga iby'ubushobozi bw'Imana, ariko ahari yaba yaranyibagiwe cyangwa ikampa ubushobozi buke Yakobo 2:5 haravugwa ngo "Nimwumve bene data bakundwa mbese Imana ntiyatoranije abakene b'iby'isi ngo aribo baba abatunzi mu byo kwizera, ngo baragwe ubwami yasezeranije abayikunda? Ubusobanuro bw'ijambo umukene, umutindi ku butunzi, utewe intimba, ubuze uko agira, utubahwa, udafashwa, udashoboye kugera ku iherezo ry'ubuzima bwe, ugabanya gusabiriza, usabiriza, ujya atega ikiganza asabiriza.

**Twese dukeneye iby'ukuri** : Ibintu bitatu bikuru ni: urukundo, umutekano no kwitabwago muri ibi byose kurya n'ibyo kwambara abandi nabo bifuzwa kuba bamenya Imana, abandi bakeneye gukira indwara n'bindi...

**Ibyifuzo byacu birazwi imbere y'Imana**, Abafilipi 4:19 hatubwira ibi: « Kandi Imana yanjye izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu » Niba Imana igiye guhaza ibyo mwifuzwa mu cyubahiro, ubwo rero mugiyeye kubona aho icyubahiro kiri, no kuhazgera, bitabaye ibyo mwaba mutegerereza Imana ahantu habi ko yiyerekana. Niba

ndindiriye tagisi cyangwa gariyamoshi ihagarara rwose nta tagisi nzigera mbona. Ubwo rero ngomba kumenya ukuri ko ngomba kujya aho tagisi iri. Ni byiza dushakire ahi icyubahiro kiri, ijambo icyubahiro iyo rikoreshejwe ku Mana bishatse ukuboneka kwayo. Dushaka kwinjira mu kuboneka kwayo kandi tukumva itubwira ijambo ryayo. Ijambo ryayo rihinduka isezerano ni imbuto ibibwa mu mitima yacu nyuma yaho rizera imbuto niba tubyitayeho.

**Kwera imbuto ni ibyingenzi ku Mana:** ibyo nibyo byubahisha Data, nuko mwera imbuto nyinshi mukaba abagishwa banjye «Yohani 15:8», **dukeneye gukongera imbaraga tukava mu byo twakoraga tukihatira kwera imbuto.**


Adamu yaremewe kwera imbuto, twe se? “Imana ibaha umugisha. Imana irababwira iti: ‘Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu Nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi” kandi Imana irababwira iti: “Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu isi yose, n’igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabe ibyo kurya byanyu.” (Itangiriro 1:28-29).

Yesu yadusabye guhindura, kwihana tukava mu ntonganya kugira ngo tubone ibyo dukeneye kandi twere imbuto. Yesu ahera ubwo atangira kwigisha avuga ati:

“Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi”  
Matayo4:17.uko niko guhindukira no guhindura icyerekezo.iyo ushaka ubwami bw’Imana ufunguwe urabubona bukagukingurirwa.

Wakibaza uti ibi byaba bishatse kuvuga iki? guhindukira mva mu biki?ubwami bw’Imana niki?ntekereza ko tugomba guhindukira tukava mumingezereze yokubaho mu isi twerekeza mumigenzereze y’ubwami bw’Imana.nibwira ko ibi bituzanira kuzura kw’ubugingo bwacu.na none ngatekereza ko Yesu atabivugiye ku bantu gusa.murekeraho gucumura kandi mwihane inzira zanyu zipfuye>>oya’ Yesu yaduhaye inzira yo kubaho.

Abantu bakoresha uburyo bwose bwo mu isi n’uburyo bwo buhagije ngo bahaze ibyifuzo byabo. Ibyifuzo byacu by’ibanze ni urukundo ;umutekano n’ibyingzi.



Petero ntiyanditse ko amasezerano y’Imana aduteganyiriza buri kintu dukeneye mu mibereho yo kubaha Imana. Sdoma 2 Petero:3-7.

Igihe babona ibfyo bifuzwa, ntibabasha kwemera igikorwa ko isi yabagera ibyifuzo byayo. Bagerageza gufunga umwobo biha ubuhamya bwiza biringira ko ibintu biza kuba byiza cyane. Bagatekereza ko hari ibibe biza kubabaho. Igicumuro kizabasuzugura ukuba mu Mana, satani agakuza kubeshya nabo bakajura ibyo binyoma, bashidikanya ukuri kw’ijambo ry’Imana.

Ubwo se igisubizo ni ikihe? Nu gute tubona ubwami bw’Imana duhindukiye Yesu yavuze muri Mariko 4 :11

ko ubwami bw'Imana busa n'ibiba n'isarura. Ibiba n'isarura ni iki ? Kubiba ni ugusarura ijambo ry'Imana.

Umuhinzi ku iherezo abona imbuto. Yesu avuga muri Mariko 4 ko ubwami bw'Imana bugendera kuri iri hame, avuga ko ibi ari ubwiru bw'Imana. Ubwiru ni iki ? Ubwo bugingo bukomezwa n'ijambo ry'Imana ryashyizwe mu mitima y'umuntu. Igikorwa cyo gukura kigafata umwanya mbere yo gukura habanza umubabaro. Umubabaro uturuka kuri satanu agerageza kwiba ijambo igihe utegereje « Imana ngo igarukane » imbuto yavuze ko dukeneye guhinduka abantu b'ijambo bigenga byongeye bafite ubwigenge busesuye n'ubw'isi yigenga. Inzira yo guhamya Imana ni uguhamya imbaraga z'ikirenga z'ijambo ry'Imana. Ntitujya twifuza kugira ubushobozi bwo guha icyerekezo ubuzima, nk'uko twifuza cyane kuyobora ijambo ry'Imana. Indi nzira yo kubishyiraho ni ; ukwihana (bivuga kuva vmu byo wari wiringiye, bihamanye no mu kwihamya n'imigenzereze y'isi kuko ubwami bw'Imana (busobanura imigenzereze y'Imana mu mutima wawe nyuma rigakura rikabyara buri kintu mu sbuzima no kubaha Imana, kwera imbuto z'icyubahiro cy'Imana ubu wabigeraho.

Emera ubuntu bw'Imana buyobore ubugingo bwawe « Ahubwo mubanze mushake ubuntu bw'Imana no gukiranuka kwayo niho ibindi byose muzabyongererwa » (Matayo 6 :33 ). Ibyakozwe n'intumwa 26 :18, iyo twihannye cyangwa tugahindikira tuba twikuyeho imbaraga za satani noneho tukishyira

munsi y'imbaraga z'Imana. Hari ubwoko butatu bw'imbuto, bumwe bwa buri kinu, dukenera n'ubwa buri kintu Imana ikenera

1. **Imbuto z'umwuka wera :** Imbere mu mbuto, iyi ni imimerere yo kubaha Imana, izi ni imbuto zituma usa na Yesu soma Abagaratiya 5:22-23 « Ariko rero imbuto z'umwuka wera ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka no kugwa neza no kwirinda, ibimeze bityo nta mategeko abihana »
2. **Imbuto zo mu mibereho yacu, zikubiye** abo tubana nabo, imiryango, ubuzima, umubiri, umutungo n'ibindi. Ibyo rero bijyana n'ibisomeka mu 3 Yohani 1:2 ugira ati « Ukundwa ndagusabira kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga nk'uko umutima wawe uguwe neza. » Nabonye ko byinhi bimwe mu byifuzo byagezweho mu gihe runaka uko imyifatire yanjye yahindukaga Imana yita ku kintu kiyireba, soma Abakorinto 9:7. Wigeze uba umusirikari ukitunga ? Ninde utera uruzabibu ntarye imbuto zarwo ? Cyangwa se ni uragira ishyo ntarikame ? Yohani 4:36 hatubwira ngo « Umusaruzi ahabwe ibihembo, ateranirize imyaka ubugingo buhoraho ngo umubibyi n'umusaruzi banezeranwe. »

**Ubuhamya bw'umunt umwe**

Habayeho igihe Mu buzima cyacu, bwahise mu 1983, igihe ibyo twinjizaga bitari bihagije ngo bihure n'ibyo twakenerag. Ndi nnyenyine n'Imana muri Parike ahantu ho mu cyaro, ngenda nsitara ku bitare, nyibwira ikibazo cyanjye. Iravuga iti « Larry, 2 Abakorinto 9 :8, kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose mufite ibibahagije. Kandi mbwira budget yawe uko ingana. Nuko mbira Imana bike by'ibyo nari nkeneye kugira ngo nite ku muryango wanjye bitarenze amezi atatu amafaranga twakoreraga mu rugo yari yiyongereye nyine kubyo nari nabwiywe Imana nkeneye! Ubwo rero ntekereje ku buzima bwanjye bw'icyo gihe, nemeza ko kubw'imyaka tatambutse kuri iki gihe natanze igitambo ndetse umubare w'amafaranga atubutse avuye ku cyifuzo cyari kiremereye.

**Imbutu z'intumwa :** “Imbutu kubera abandi cyangwa Itorero”, “ibyho nibyo byubahisha Data, nuko mwera imbutu nyinshi, mukaba abigishwa banjye” (Yohani 15:8). Imirimo yacu ku Mana ntizabarwa cyane, gusa ni imbutu na none bitari imirimo y'amaboko yacu. Imbutu yose igira urubuto mo imbere kugira ngo ruzongere kwibaruka. Itangiriro 1 :11 Imana iravuga iti « Ubutaka bumeze ibyatsi n'ibimera byose byerere imbutu ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose kere imbutu zikwiriye ubwoko bwacyo » igihe imbutu y'imbere ikurira muri twe, iragarika imbutu hanze zibyarira hanze imbutu, cyangwa Itorero ku bandi.

## **Ubuhamya bw`undi muntu**

Mu by`ukuri sinari narigeze mpanga kugira umuryango w`ivugabutumwa nka ISOB. Nari mfite mu mutima gukorera Imana, uko byari kumera kose mu 1995, Imana imwira mu buryo bubiri Zaburi (68 :11) havuga ngo «Umwami Imana yatanze itegeko, abagore bamamaza inkuru baba benshi» (Zaburi 68 :11) «imbwira niba nandika kandi nkamamaza ijambo ry`Imana ko ibibona kuruta abantu benshi barivuga cyangwa baryamamaza. Na none imbwira muri Mariko, aho ivuga inkuru y`umugore wamennye umukondo w`amavuta akayasuka kuri Yesu. Imana irambwira iti « Larry, mbese uzafata umutungo wawe uwunsukeho ko aribyo koko bimpumuriza neza ? »

Ayo magambo cyangwa schéma aturuka ku Mana ampindukira imbuto zibibwe mu mutima wanyeye, kandi ubu zirimo kwera imbuto zazo ubu ! Ikintu gishimishije ubu nuko, izo mbuto zikomeje kwikuba na mburi gice cy`imbuto, gitera imbuto gukura mu buryo bw`ubwibumbe ! Mu by`ukuri narakoze niyuka akuya, mu kumvura gusa ibyo nari numvise Imana ibwira umutima wanjye. Ngerageza kwibuzza imigambi yanjye. Ni gute cyangwa ijambo ry`Imana bikora ? Mariko 4 :1-21 hatubwira umugani w`umubibyi

Ubwami nyakuri bukora kuri ubu bwiru : Arabasubiza ati « Mwebweho mwahawe kumenya ubwiru bw`ubwami bw`Imana, ariko abo hanze babibwirirwa



mu migani, arabasubiza ati ko mutazi iby'uwo mugani indi migani yose muzayimenya mute ? (Mariko 4 :11).

Muri uyu mugani Yesu yaduhaye uburyo bworoshye bwo gukoresha tugenda mu bwami bwe bwera imbuto no kumunezeza. Soma Mariko 4 :1-21, Mariko 4 :11 Arabasubiza ati « Mwebweho mwahawe kumenya ubwiru bw'ubwami bw'Imana. » Mariko 4 : 14 havuga ngo «Umubibyi ni ubiba ijambo ry'Imana. », iyabibwe ntiguma ityo, ahubwo isa n'akabuto ka sinapi. Mariko 4 :30-32, Kandi aravuga ati « Mbese ubwami bw'Imana twabugereranya n'iki cyangwa twabusobanuzza iki ?, bwagereranwa n'akabuto ka sinapi, kuko iyo gatewe mu butaka, nubwo ari gato hanyuma y'imbuto zose zo mu isi, karakura kakaba igiti kinini kitaruta imboga zose, kikaba amashami, maze inyoni zo mu kirere zikarika ibyari mu gicu cyabyo. » akabuto ka sinapi kazwi ari akabuto gato cyane, izindi mbuto zose z'imboga zikurira mu bihingwa, ariko sinapi ikurira mu biti ! Ntibimenyerewe kugira ikintu kidasobanutse kikabyara, kitabyara kikaba kinini, bihabanye n'imiterere y'icyatsi gikura kikaba igiti. Imbuto babiba z'ijambo ry'Imana n'ubwami bw'Imana, ntibisa bityo cyane, ariko byazaguteganyiriza ibyifuzo byawe nk'uko akabuto ka sinapi kameza n'inyoni zaza kwarikamo soma

(Ruka 17 :5 ) bivuga ku kwizera bigereranwa n'akabuto ka sinapi. Buri wese agamba guhitamo imwe muri izi nzira kugira ngo abeho.

**Ubwami bw'isi**

Satani ni igikomangoma,

Duhinduka imbata ze,  
dukora mu bushobozi bwacu  
ngo tubone ibyo dukeneye

Iteka ubuzima bwacu  
tubukoramo ibinti bifite  
akamaro

**Ubwami bw'Imana**

Yesu ni umwami;

Tuba imbere ze,

Twifashisha ijambo  
ry'Imana tukabona ibyo  
dukeneye twera imbuto,

Twitanga kuko tuzahembwa  
iteka ryose

Hari icyitonderwa satani n'abadayimoni bagambiriye ku kwiba imbuto zawe, Imana ntizagutererana.

Hari uburyo imbuto zikura, iyo ubwo buryo budakurikijwe imbuto zirapfa, dufite amahitamo abiri « Gupfa cyangwa Gukura » Ni uburyo bw'Imana bwo kwera imbuto.

1. Tugomba guhindukira ku ijambo ry'Imana kubyo kwera imbuto ;
2. Tugomba kumenya uko twaba inshuti z'Imana bikubiye mu gice cy'umugezi utemba ;
3. Tugomba kumenya uko twava ko turi imbohe mu gihugu cy'amasezerano,
4. Tugomba kumenya cyane imiterere y'Imana iyo ariyo ;
5. Tugomba kumenya indangamuntu y'Imana iyo ariyo,

6. Tugomba kwikorera umusaraba wacu tukagendera mu kubaha kubw'ijambo ry'Imana,
7. Tugomba kumenya ibijyanye n'umubisha wacu ariwe satani n'uko aza kutwiba ijambo ry'Imana; nuko twahagarara kigabo kugeza tumutsinze kubera imbuto. Izi zizaba inyigisho zo mu bice byo Gukura n Gupfa. Ni ibyanditwe, bikora, nibyo ijambo ry'Imana ritwigisha, kandi mpamya ko Imana itajya itsindwa ubu buryo mu buzima bwanjye.

Muri (Yohani 15:18-27) Yesu atwihanangiriza ko uburyo bwo kwera imbuto ari ukurenganywa n'imibabaro, ariko umwuka wera urahari kugira ngo aduhumurize. Mwibuke ijambo nababwiye nti: "Umugaragu ntaruta shebuja" niba bandeganyije namwe bazabarenganya, niba bitondeye ijambo ryanjye n'iryanyu naryo bazaryitondera. Yohani 15:20 Abantu benshi ntibagera kubyo bifuzaga kuko satani n'ingabo ze bibye ijambo ry'Imana mbere yuko ryera imbuto. Tugomba kumenya ko kurenganywa n'imibabaro ducamo bitatuma imbuto zidakura, tugomba kuba abanyabwenge.

**Imbuto zikeneye kuhirwa.** Zigomba amazi n'inyunyu ngugu tugomba kuzongerera. Hari uburyo abizera Kristo bakura. Kugira ngo dusobanukirwe ubwo buryo n'inzira ye, tugomba gusabana n'Imana kugira ngo habeho icyizere ko uwo mwizera Kristo azakura. Dufite ibyiringiro ko iyi nyigisho yo Gukura no Gupfa ifite

amazi, intungamubiri n'inyunyu ngugu ikenewe ngo dukure.

Kuba injiji cyangwa no kwanga kugira ubumwe n'Imana bizaha umwizera kuba imbohe mu gihe cy'amasezerano. Abisirayeli barabikoze bagera mu gihugu CY'amasezerano. Mu gitabo cy'Abacamanza, ubwoko bw'Imana kandi bari bafitanye bari imbohe z'abanzi babo. Gidiyoni n'abantu be ni igitekerezo cyacu cy'imbohe zabohotse. Ni muri iyo nzira, na n'ubu abantu b'Imana bashobora gutinya kubera, gucumura, kunywa ibiyobyabwenge, kurenganya, gukeka, n'ibindi umwuka w'Imana yanga. Uburyo bwo kwanga gukomeza kuba imbohe ni ugukura, iherezo ry'uburyo bwo gukura ni ukwera! Umusaruro ugerwaho ufatishijwe. Ku muzabibu ukuzuzwa intumwa muri buri mukristo. Murebe mu gitabo cy'Ibyahishuwe, Yohana. Iherezo ry'intambara zose ni imbuto, nk'uko biboneka mu Byahishuwe 20-22.

### **Hari ibice 7 mu buryo bwo Gukura no Gupfa**

- Kwera imbuto
- Umugezi utemba
- Imbohe mu gihugu cy'amasezerano
- Imana iyo ariyo
- Kwicara
- Kugenda
- Guhaguruka
- Intego yo kwera imbuto
- Ubucuti n'Imana

- Kwitondera imbaraga zacu
- Imiterere yayo
- Uko tumeze muri Kristo
- Ubutware bwacu
- Ubutware bwacu intsinzi mu ntambara

Izi nyigisho ndwi kugira ngo hatunganywe igitabo kimwe cy'amahugurwa y'icyiciro cya mbere.

Icyiciro cya kabiri cy'amahugurwa ya 2, agizwe n'inyongera z'inyigisho 4 zigomba gukorana no kuva mu muko, umusaraba, abadayimoni, kubohoka no kubatizwa mu mwuka wera.

Buri kimwe cyo mu bice byavuzwe haruguru gifite inyigisho zacyo nyinshi

zishobora kwigwa n'abanyeshuri kugira ngo buzuze inyigisho ikwiye kugerwaho.

Kubw'inyigisho ihanye, uzatangirana n'inyigisho azavuzwe haruguru, hanyuma ukurikize inyigisho nyishi ziri mu bice by'ingenzi hejuru, nk'urugero Imana iyo ariyo gifite inyigisho 18, kwicara gifite inyigisho 13, kugenda gifite inyigisho 41, guhagarara gifite inyigisho 11(hari nyinshi mu isomo rya 3). Ushobora guhitamo guhagarika nyuma gusoma no kwiga inyigisho 11 muri iki gitabo cyangwa ushobora gukomeza kuzuza isomo rigizwe n'inyigisho ziri hejuru y'ijana.

**Ni ingenzi kumenya uko twakirwa n'uko twakora mu buryo bw'umwuka.**

Ntitwiga ibintu by'umwuka nk'uko twiga ibintu bitari iby'iyobokamana, mbese ngo bigende bikurikirana mu bitekerezo byacu. Muby'ukuri mu bitekerezo byacu ni igice cy'ibintu bikurikirana. Tukiri aho, hamwe n'Imana duhishurirwa ibintu bimwe na bimwe byakuweho bikaba byari kuri twe satani ahuma amaso yacu y'umwuka kugira ngo tutarora (2 Abakorinto 4:4)

Ikintu gikuru cyane kungenzi tugomba kumenya, ni uko tugomba kwakira iri hishurirwa, turibona nk'imbuto ibibwa bitari nk'imbuto zirimbwa. Na buri gace k'ukuri umuntu avukana ko Imana iduhishurira, tugomba kugafata ku kwerekeza ku buryo bw'Imana iyo ariyo, kwicara, kugenda no guhagarara. Imana iduhishurira ibintu bimwe na bimwe byerekeye yo ubwayo, na none ikatwiyegereza (kwicara), tukayubaha no kubisokamo, ni ukuri satani araza akiba ijambo ry'Imana, ubwo tugomba guhagarara tukema. Igihe tuzashyikira ibi tuzera imbuto. Reba Mariko ibice 4 kugira ngo usobanukirwe n'iki cyanditswe.

Ubu buryo bwo kuba umwigisha si bumwe bukuru mu buzima bwacu. Oya ni uburyo bukomeza bwo dukoresha, ibihe n'ibihe na none kuri buri gice cy'igihe cy'ubuzima bwacu. Ntibuzigera burangira, dushobora guhagarara kuri kimwe gishobora mu buryo bwo kwicara bw'ikindi gisohoka mu buzima bwacu.

**Dore umutwe w'ijambo “Gukura no Gupfa”**

Imbuto. Twizera ubwami bw’Imana, ijambo ry’Imana. **Umugezi utemba:** Tugomba kumenya ko Imana idahemuka, kurinda ishami n’umuzabibu bihujwe n’bumwe. Dukeneye kumva Imana ituri hafi mu buzima bwacu bwa buri muni. Ni shusho yohereje kandi irimo inyigoshu ya Bibiliya y’ibyho dukora mu gihe cyacu cy’amasengesho y’umwihariko. Ezeziya 47 hatubwira iby’amazi aha mu rusengeru atemba nk’uruzi aya mu Nyanja y’urupfu rw’abantu. Turi urusengeru rw’Imana ubucuti bubanziriza iteraciro ry’ukuri.

**Imbohe mu gihugu cy’amasezerano:** Tugomba kumenya uko twasohoka kandi tugasigara hanze y’inzu y’imbohe mu gihugu cy’amasezerano kugira ngo tutaba amashami ajugvunwa mu muriro kubera kutera imbuto. Gidiyoni ni urugero nk’umwisilayeli wagiranye isezerano n’Imana ibaho mu Mana ye yahamwe mu gihugu cy’amasezerano, rwoye yari yari imbohe ku banzi be. Ni abahe banzi batugizwe imbuhe mu bunyange? Mbese twabohoka dute?

**Imana iyo ariyo:** Tugomba gukomeza kwibuka kandi tutari kumwe nayo ko ntacyo twakora, tugihe kureba gato mu miterere y’Imana, dufatire ku butatu butagatifu: Data, Umwana n’Umwuka wera. Turebe ku ijambo ry’Imana, ukuvuka tutagira inenge n’icyo Imana ari cyo ubu. Kwicara, kugenda, guhagarara nk’umwigishwa wa Yesu ni ingenzi kumenya no gusobanukirwa n’icyo mwiga iyo aricyo. Rimwe na rimwe, habaho inyigisho n’inyizerere ziboneka zinyuranya kandi zirwanyana izindi.

Urugero, tugomba kumenya kwihatira kubaho mu buzima bw'Umwuka. Ku rundi ruhande ubuntu bubereyeho kudutabara mu bihe tunaniwe. Twakora iki? Dukore cyane kandi dukore by'ukuri, mbese tugomba kuba nko mu bihe byashyize kandi tugategereza ubuntu bw'Imana? Igitekerezo cyo kwicara, kugenda, guhagarara kuzakemura iyi ntambara tubona, mu gitabo cy'Abefeso ubu buryo burakoreshwa. Tugomba gushimira Watchman Nee n'igitabo cye,

### **Kwicara, kugenda no guhaguruka (1)**

**Kwicara:** Tugomba kumenya indangamuntu yacu by'ukuri muri Yesu. Abefeso 2:16 nuko ituzurana nawe, itwicaranya nawe mu ijuru mu buryo bw'umwuka wera turi muri Kristo Yesu. Imana ishaka ko tumenya ko Yesu yarangije byose ku musaraba. Umurimo warangirijwe ku musarana no kuzuka kwa Yesu byaduhinduye no kuba ibiremwa bishya. Umuntu wa kera yarapfuye, none twavutse bwa kabiri, tugomba kumenya Imana yabikoze umurimo, twe twakira icyo Imana yarangije gusa. Yirengagiza ibyo twakoze, imbabazi ziriho, nti tukiri mu nsi yc'amategeko.

**Kugenda:** Tugomba kwikorera umusaraba wacu kandi tukagenda twubaha ijambo ry'Imana. Abefeso 4:1 hatubwira ngo “Nuko ndabinginga njyewe imbohe y'Umwami Yesu ngo mugende uko bikwiye ibyo mwahamagariwe” muri Kristo, musaba kuba abigishwa ba Yesu Kristo bitari iby'itegeko, ahubwo umuntu



muzima mu ishusho y’umwuka wera. Mwahamagariye kugenda no kwera mu kuri si ukugira agakiza cyangwa ubuntu bw’uburyo bwose, ahubwo bijyanye n’ubuzima bwo hanze n’ubw’Imana muri mwe. Ni amahitamo yanyu, inyoni igomba kwitwara nk’inyoni, nta mahitamo ifite, ariko umukristo wifata nk’abanyabyaha, ni mubi kuko uwizera atagira kwatura ibyaha no kubyihana, amanuka vuba cyane. Gusa ntiduciriyeho iteka abameze batyo. Ubu turi mu isezerano ry’amaraso ya Yesu kandi isezerano ry’amaraso risaba impfu ebyiri. Yesu yarangije umurimo we, ubu rero duhamagarirwa gukora uruhande rwacu.

Ruka 9:23-24, Abwira bose ati “Umuntu niba ashaka kunkurikira niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire, kuko ashaka kurengera ubugingo bwe azabubura, ariko utita ku bugingo ku bwanjye niwe uzabukiza”

**Guhaguruka:** Imyifatire yacu imbere y’umwanzi.

Tugomba kumenya umwanzi wacu ko ari satani n’uko aza yiba ijamba ry’Imana, tukamenya nuko twamunesha no kwera imbuto. Hari imbaraga zinesha umwanzi no kwera iyo imisaraba yombi ihujwe. Abefeso 6:10 hatubwira kumenya uburyo bwa satani mu gihe Imana itujyana mu gihugu twasezeranijwe. Hazaba intambara n’amakuba ariko umwuka wera azakomeza aduhumuriza

Abefeso 6:11 havuga, “Mwambare intwaro zose z’Imana kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n’uburiganya bwa satani”

Tugomba kumenya ko hari satani ukora kandi muzima n’abadayimoni bashaka kubiba, kubarimbura, mwe n’imiryango yanyu! Ni ukuri azabashuka abizeze ko ntaho muri, azabagerageza ababwire kugendera kugendera ku isi no mu nzira za kamere za kera umubi yatsinzwe na Yesu, yemerewe kudushuka no kutugerageza, tugomba kunesha. Ubuzima gikristo bunesha ntibworoshye, amarangamutima n’imibereho yacu byerekeza ku dushuka kubirebana no kwicara no guhaguruka. Ariko iyo duhagaze tukarwanya umubi, tumenya abo turi bo, muri Kristo, nyuma tukagengera mu mwuka no mu kwihana nyuma tukabasha guhagara kugera ku ntsinzi.

Kugeza ubwo tuzajya mu ijuru dufite igihe mu ntambara ikomeye n’ubwami bwa satani. Intsinzi igenderwaho igihe duhamye hamwe, tugenda kandi tugashikama. **Zaburi 67:5-6 “Mana amoko agushime, amoko yose agushime ubutaka bwere umwero wabwo, Imana niyo Mana yacu, izaduha umugisha.”**

## **Igice 2 : Uruzi rutemba**

*Ibyavuzwe na Watchman mu gitabo cye yise A TABLE IN THE WILDERNESS June 20 twakita Ameza yo mu butayu”Aho noho nzajya mbonanira nawe hejuru y’intebe y’ihongerero” hagati y’abo bakembi hari ku isanduku y’ibihomya, nikonzajya nkubwirira amategeko yanjye yose ntegeka Abisirayeli.*

*Ni iri he pfundu ry’ubumwe n’Imana? Ni icyubahiro cyayo ku ntebe y’imbabazi n’igiciro cyayo cy’abagerumbi. Dufite guhimbaza Imana ni “Abakerubi b’icyubahiro” Ni ahantu icyubahiro cy’Imana kimenyekanishirizwa, n’urubanza rwa ku muntu rugatwikirwa, tubonera imbabazi z’Imana aho kandi aho honyine.*

*Imana ntishobora kuba Imana, yerekanira imbabazi zayo aho iri? Oya, ishobora kwerekanira imbabazi zayo aho icyubahiro cyayo cyuzuye , imbabazi zirindirwa. Ntiyisubiraho biturutse ku bakerubi. Ni amaraso yamenywe yatumye habaho ubumwe by’umunyabyaha. Kubera ibyo Imana ishobora kwerekana imbabazi bidakuyeho icyubahiro cyayo, ishobora gushyiraho ubumwe n’umuntu nta kwiyanga ubwe. Muri ubu buryo amaraso ya Yesu ni ngombwa ku bucuti, budasubirwaho ni ngombwa, kandi si ibanze ry’ubucuti. Iyo ngiranye ubumwe n’amaraso kubw’imbabazi ze zihoraho si amaraso igiciro ndebye, ahubwo kubw’icyubahiro. Umwenda wari ukingirije ahera watabutse mo kabiri ukurwaho, kubw’uwo utakiriho twese twigereye imbere*

y'Imana. Nk'umwana w'Imana wemerwa kwimenyereza kwinjira cyane mu bucuti bw'Imana. Ibi bikubiyemo ubucuti buhejeje mu kuboneka kwayo, ariko burenze cyane. Matayo 5 bibanda ku gihembo cy'amasengesho habayeho gusenga agasubizwa igihembo ni Imana ubwayo . ibindi bituruka ku masengesho ku buryo bworoheje ni ukubona ibyiza. Niba wigengesera ku bijyanye n'umubano wo gucengera umubano wagiranana Yesu uzabigeraho. Ariko habaho ikiguzi wariha Imana yiyereka abantu bajya imbere yayo kandi bakayubaha (Yohani 4:21) imana na none yiyereka abayishakana umwete kandi bagatungana. Tugomba kwimuka tukava mu byo tumenyereye, tukabona akanya kuba muri yo. Imana ijya iha abafite inzara n'inyota byo gukiranuka by'ukuri no kwera. Niba udasonzera ibi, saba Imana iguhe iyo nzara. Tuziko kuboneka kw'Imana kutigera kutuvaho, ariko ndavuga ibintu bimwe na bimwe bitandukanye. Ndimu kuvuga ibirebana no mu kwinjira mu cyubahiro cyayo, gutinyika kwe n'icyubahiro cyayo itazaha undi. Ibi bitandukanye cyane no kuyikorera muyihimbaza. Ni wowe n'Imana mu gukiranuka kwayo ko gukiranuka. Ibi byo guhura ntibirimo ukwimenyekaniska mu bumuntu bwawe. Bibaye byiza byabamo, byaba kwinjiramo mu buryo bworoheje no kuganira. Ukamenyera icyubahiro cyayo ku rwego uru n'uru ko ubuzima bwawe bwahinduwe iteka.ndavuga umubatizo wo kwinjira mu mwuka wera, hagakurikira noneho impano. Ndimu mvuga ibirebana no gukiranuka kwayo byica kandi bigakongera kamere

ya Adamu. Nk'uko usoma ukoresheje ijambo "Imana irahari" mba ndimo kuvuga ubwami bw'ikirenga. Iyo umwizera azi n'ukwizera afite ko ashaka kugira ubucuti nawe, agomba kumenyera ubwo bucuti agateganya ajya imbere y'Imana mu buryo Imana yemera. Uburyo bwayo ni ubworoshye kwiyereka Yesu nk'Umukiza kandi akubaha vuba cyane ijambo ryayo. "Kuko ibyo byose ukuboko kwanjye ariko kwabiremye, bikabaho byose." Niko Uwiteka avuga, "Ariko uwo nitayo ni umukene, udfite umutima umenetse, agahindishywa umushyitsi n'ijambo ryanjye." (Yesaya 66:2) ikintu gikuru cy'ubugwaneza ni ukwemera kwihana no guhindukira tuva mu migenzereze yacu yakera, bidahuye n'imiterere y'Imana, iyo migenzo isa "n'imyambaro ishaje" ariko ku bakristo benshi hari ibisumbye kuri ibi biruta bishobora guhura n'ijisho. Abakristo nenshi bari "mu nzu y'imbohe" bitari ngombwa ko bayibamo, biyambuye kuba abanyakuri n'abiringirwa ubwabo n'Imana. Ku ruhande rumwe bamenye ko hari icyo bagomba gukora birababaje muri iki gihe kuba badatekereza ko bari mu "Nzu y'imbohe". Rimwe na rimwe umwanzi abafatirira mu miryango y'inzu y'imbohe akoresheje uburiganya ababeshya ko ari abakristo. Bamwe ntibashaka kwihanganira imibabaro ndetse banga n'uvuze agereranya iby'Imana. Ikigeretse kuri ibyo bavuga ko bashaka kwakira ubwo bwiza bw'Imana. Abandi bagendera mu by'amategeko, ubuyobozi no gucengera no Gukiranuka nyamara atariko. Bumva ko bakorera Imana igira uburakari.

*Abandi bakomeza kuba mu “buntu butari bwo” biyumvisha ko Imana ibabona nk’abataboneye imbere yayo, bityo rero bagakomeza kubeshwaho no kwaizera. Basenga Imana iyo bari mu bihe bikomeye, nyamara nta n’umwe wo muri aba bantu wishimira ko Yesu yigize umuntu, kuba Imana ibana natwe cyane n’ubucxuti bw’Umuremyi, bashobora kwinjira mu bwami bw’Imana iyo bapfuye nyamara bari mu irimbukiro igihe bari ki isi.*

*Umugezi utemba uzubaka ukwizera kwawe, kandi bizahamagarira Imana kuza kuzuzwa icyifuzo cyawe no kukwihishurira. Bizaguhesha ibintu bimwe na bimwe ukeneye gukora ku gutekereza ku butumire bwayo naje kumenya Imana bitarenze ukwezi kumwe bituma njya kugirana igihango no kuba umubwirizabutumwa bireme isezerano. “Uwiteka ni inshuti yanjye y’amagara” ni inshuti nizera kuruta umugore wanjye. Iyo numvaga ko nshonje ku bintu biasa bityo , nkomeza kubikurikirana kuva ubwo.*

*Inyigisho za bibiriya, ibiganiro, ibitabo, inyigisho zo kuba abigishwa byose ni byiza, ariko niba utihatira kugira ngo Imana ibe mu ruhande rwawe ubura ikintu cy’ubuzima bwa gokristo. Iyo uziko Yesu ari mcu cyumba hamwe nawe ukaza, imibabaro n’igabanutse, kwizera kugakanguka n’ubuntu bwayo bukakanguka kuruta buri kintu mu buzima ugomba kurwanirira. Igihe nahishuriwe inzdira yo kwandika ninjira mu kuboneka kw’Imana byitwa Umugenzi utemba, ubushuti n’igihango byanjye na Yesu byaragutse cyane.*

*Nabihishuriwe igihe nabaga ntashobora kumva kubona kw'Imana kandi mu gihe ibintu byabaga bitameze dneza muri nje. Mpishurirwa ko nshobora gukora urugendo rw'iminota 30 no mu bitekerezo byanjye nkerekera inzira y'umugenzi utemba nkibona hari amahoro no mu busabane n'Imana. Intego ni ukubaka aha hantu nka Lifestyle iki nicyo "Twakoresha inziri" yo gusabana n'Imana kugira ngo gushyira mu bikorwa ibyifuzo wasabiye.*

Muby'ukuri abantfu barababaye

Bamwe ntibashobora kubona amafaranga yo kwishyura, abandi babonye ibisubizo bidashimishije biturutse ku burwayi bwayo, bamwe na bamwe abana babo babaye inzererezi, abandi nabo bafite imiryango yaratandukanye. Tugomba kumenya duko twagirana ubusabane n'Imana binyuze mu isezerano ry'amaraso kugira ngo turiremeshe muri ubu buzima , hagati ya none n'ibihe dukurwa muri uyu mubiri tujya mu ijuru.

Byongeye kwishimira kuboneka kw'Imana hari icyakorwa cyane ariyo nzira yo mu mugezi utemba. Igitekerezo cyo gukurikira akayira ko kwinjira mu kuboneka kw'Imana nta nzira bisobanura kugabanya isano n'Imana ku byagenderwaho, cyangwa kwemeza ko ugomba kwinjira mu kuboneka kw'Imana mu buryo ngiye gusobandura neza bikomeye. Nizera uko nshfoboye kose ko umugezi utemba wuzuyemo ubushobozi bw'isano buzamura ukundi isano yawe na

Yesu cyangwa bikakwemerera kugira ubusabane kubw'igice cya mbere cyane.

Igihe abana banjye bari bato cyane byantwaye umwanya munini mu gusabana nabo. Uko bagiye bakura batangiye kugira amahitamo menshi ubusabane n'ubushuti twashoboye kwishimira cyane cyane bishingiye ku kunntu bagenda nanganiriza bambwira inkuru zitandukanye. Abana baza kuri nje kubera ubushuti, inama kunyishimira no kuza nanshima kandi bagategereza cyane ubusabane nanjye kuruta baza buke kuri nje kubera uruhushya cyangwa kwishyura amafaranga. Nagiriwe ubuntu buhorobuhoro n'uko badakora ibitandukanye ugdushaka kwanjye kuri bo. Nubwo ku gihe runaka kuri bo ariko ninjiye cyane mu bushuti nabo iyo bakora ibyo bashaka babohokeye n'iby'isano yabo. Nuko mu gihe runaka bakora ibyo muburyo butandukanye no gushaka kwanjye biransitaza (ibihe byinshi) imbabazi n'ubuntu byanjye ni icyategamijwe bubavamo kinzaho, ariko bagomba gutekereza no guhitamo. Mu biganiriro byabereye muri Kaminuza Southeastern Dogiteri Mariko Rutland yamfashije gusobanura ibi nk'uko biri.

### **Yavuze ibi bikurikira:**

“Nti tugerageza kugira ubushobozi bw'ikirenga, ahubwo ubushobozi bw'ikirenga, Imana ibaho, Yesu ubwe ashobora kubuduhesha.” Ubupfumu, abashitsi, inyuka idasanzwe bigerageza kugirana ubusabane



n'ubushobozin bw'ikirenga. Igisubizo no kubaha gukora ibimenyetso by'Imana ni biduha ubusabane nayo mu bushobozi budasanzwe. Na none, ni icyemezo cy'Imana kiduha gdushaka kuyubaha bituma dushobora kuba mu busabane no kuboneka kwayo. Imana irimo gukomanga ku nzugi zanyu ivuga iti "Nyabunedka munyumvire" ubusabane nawe biterwa no kubaha kwawe.

### **Kubaha ni uburyo bw'ubuzima si ikintu kiba.**

Hari urwego rugerwaho rwo kubaha nkw'uramye igihe kirekire kubwo kubaha urakura ukubaka undu ku wundi. Ikiguzi kigenda kizamuka. Twahamagariwe kwikorera umusaraba wacu kandi turawikorera ukagenda urushaho kuremera, ntitwikorera wawundu wakwera ushaje, wawundu mushya usaba ubwitange bwinshi no kubaha kwinshi kuko igihembo kirushaho kugira agaciro.

**Tegurwa rero !** Nabonye abantu bakurikiye Yesu rimwe mu mugezi igihe kimwe. Twahawe umugisha mu buryo bwo guhinduka dutakaza kandi dupfa kuri kamere y'isi Imana yabwira sogokuruza wacu Aburahamu « Kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha bose, kandi uzakuvuma nzamuvuma, kandi muri wowe nimo imiryango yose mu isi izaherwa umugisha.» (Itangiriro 12 :3).

Uburyo bumwe dushobora guhesha abandi umugisha ni ukwemerera Yesu muri twe akabidukoreraho. Ni kubw'imiterere ye agakuraho inzira imwe ashobora kubidukoreraho ni kubw'imiterere ye agakuraho kamere

ya Adamu ubu busobanuro ngiye gutanga butomoye ni amahirwe yawe kwemera Imana kwemera gukora ukwera kwayo mu kuri no mu gukiranuka mu mibereho yawe. Nuko utangire guheka umusaraba wawe mu mibereho yawe. Wemere Imana yuzuye urukundo igukosere mu buryo bworoheje, urahinduka ukundi use na Yesu, ufate uruhande rw'imiterere ye. Arakubohora uve mu mbohe ziri muri wowe, arakuzanira kwihana mu buryo butuje ikikubabaza gikurweho, imibereho yawe ntikomeza kuba isanzwe.

Cyakora iyi nzira si iyo kubaho nta mibabaro. Niba uri umunebwe niba utazigereranya ubwawe

Nta gukiranuka nta mu muntu uzigera ubona Imana !ndashimira Imana ko gukiranuka no kwera twahawe nk'impano. Ariko iyo ngiye muby'isano ryawe icy'ukuri no guhinduka kw'ubu kw'imiterere yawe mu gukiranuka no kwera, sindimo mvuga kuri bamwe bambara ukwere. Ubu bwoko bw'abiyeguriye Imana bagira ibisharira, naho kwe kw'umu gutanga ibyishimo. Urukundo n'imbutu zose z'umwuka wera, mukabara umuntu mushya wareme gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse.

(Abefeso 4 :24)

Inzira nyabagendwa 35. Inzira nyabagendwa yo kwera muri Yesaya igice cya 35.

« Kandi hazabaho inzira nyabagendwa, iyo nzira izitwa inzira yo kwera. Abanduye imitima ntibazayicamo, ahubwo izaba iy'abandi. Abagenzi n'aho baba ari abaswa ntibazayiyoba »


(Yesaya 35 :5), Yeasaya igice cya 33 ku mana z'Abisirayeli biturutse babacye abanyabyaha mu buzima bwabo. Yesaya 34 havuga uko ibazanira uburyo bwo kunesha no muri Yesaya 35 hatwerekaga igisubizo, aricyo kwera. Inyungu ziboneka uko zikurikirana mu bice 35. Birimo ibyishimo, kurimba, ubutayu n'igihugu cyanduye ginduka amasoko y'amazi nubutayu bumeramo indabyo ziraba, haba umunezero usanga, babona icyubahiro cy'Imana. Herekana neza ko impumyi zihumutse, abanyantesge nke barakira, abafite ubwoba basubizwamo ukwizera, abafite inyota babona amazi yo kunywa, kandi barwanya abanzi b'umwuka. Bigusaba iki gice muri ubu buryo boboneye.

- **Ezekieli 47 :1-12** herekana ishusho y'umugezi utemba. Ishusho Imana yeretse Ezekieli yari iy'urusengero rw'Imana ibirwubatswe n'uko bitatse, n'uko umugezi utemba uva murirwo imana ibwira Ezekieli kandi imwerekaga ko uyu mugezi wari uruzi rw'ubugingo rutemba ruva ku Mana rumanuka ku Nyanja y'abapfuye rwisuka mu mazi yanduye. Uyu mugezi ugomba gusukura amazi ukanayazanamo ukubaho ibyanditswe mu bice 47 bya Ezekieli havuga iby'uyu mugezi yakwiye hose. Nk'uruzi rushotse muni

y'urusengero, nyuma rugakmeza gucengera kugeza rwisukiye mu Nyanja y'urupfu. Nk'uko byakozwe inyanja igira ubuzima. Mu buryo busanzwe inyanja ihagarariye abantu bapfuyebashobora kubaho bagakorwaho n'Imana bihereye ku kintu cyitwa umugezi wagombaga gutemba uturutse ku kuboneka kwayo. Yohana 7:38 havuga “Unyizera, imigezi y'udbugingo izatemba iva mu nda ye, nk'uko ibyanditswe bivuga.” Uruzi rutemba kugira ngo wezwe, uruzi rutemba kugira ngo rugukize **kurimbuka**.

